# 365: Mwami, nubwo nd' umunyabyaha

1. Mwami, nubwo nd' umunyabyaha, Njya mpora nkwinginga : Mana, wumve gusaba kwanjye, Unze mu mutima.

2. Narambiwe gukund' ibyaha Bituma nshumura; Ahubw' Umwuka wawe Wera Ab'ari Wo ntunga.

3. Kera najyaga nshidikanya :Nta cyo byanyunguye; None nshaka ko tuvugana,
Nkureba, nkumvira.

4. Ndashaka kwaka cyane, Mwami,Murikirwa nAwe ; Umwuka waw' ufash' uwanjye,Nkund' uko wankunze.

5. N'ukuri, Mwam' ubwo niyobya,Washaka wampana, Kuk' umutima mubi nk'uyu
Utabana nawe.

6. Kand' amaraso yawe, Mwami,Nzi ko yamviriye. Twuzure rwose, ndabyifuza, Uk' ubinshakira.

7. Ni byo nsigaye njya nifuza;Mwami, ndakwinginze, Mbeshweho n'ubugingo bwawe,Kubwawe wenyine.

Visit us at burundi.indirimbo.com